INAMA Y'ABAPADIRI BA DIYOSEZI YA NYUNDO

Ku matariki ya 13 na 14 Gicurasi uyu mwaka ku Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umwepiskopi wa Diyosezi yacu yayoboye inama y'abapadiri bose ba Diyosezi ya Nyundo, iyo nama ikaba isanzwe iba gatatu mu mwaka igamije kuganira ku buzima bwa buri munsi bw'amaparuwasi agize Diyosezi ndetse na za comissions zitandukanye, tutibagiwe n'izindi nzego zitandukanye za Diyosezi yacu.

Ibi ni bimwe mu byatangarijwe muri iyo nama byerekeranye na gahunda yitangwa ry'ubupadiri n'ubudiyakoni ndetse n'imirimo itandukanye ku bafaratiri. Iyo gahunda ikaba iteye itya ;

Tariki 11/07/2015 i Muhororo hazatangwa ubupadiri kuri Diyakoni MANIRAFASHA Vincent wa paruwasi ya Muhororo, hanatangwe ubudiyakoni kuri ba faratiri bakurikira ;

Fratri HABUHAZI Michel (Birambo)

Fratri NSENGIYAREMYE Vincent (Nyange)

Fratri UWINTWARI Evariste (Birambo)

Tariki 18/07/2015 i Rambura hazatangwa ubupadiri kuri Diyakoni NIYONTEZE Charlès wo muri paruwasi ya Rambura, hatangwe ubudiyakoni ku ba faratiri bakurikira ;

Fratri DUSABEYEZU Védaste (Kinunu)

Fratri DUSENGUMUREMYI Jean Claude (Nyundo)

Fratri DUSHIMIYIMANA Pierre Damien (Kivumu)

Fratri NDACYAYISABA Donatien (Kivumu)

Fratri NIYONSENGA Jean de Dieu (Kivumu)

Fratri NTIRANDEKURA Joseph (Biruyi)

Tariki ya 01/08/2015 i Busasamana hazatangwa ubupadiri kuri ba Diyakoni BAMFASHEKERA Martin wa paruwasi ya Biruyi na HAKIZIMANA René Claude wa paruwasi ya Busasamana ndetse hanatangwe umurimo w'ubusomyi ku ba faratiri 11.

Aya ni amwe mu mafoto y'iyo nama yashojwe n'igitambo cya Misa ;

13.05.2015 16:40

13.05.2015 16:04

14.05.2015 14:00

14.05.2015 13:43